# UMUCO W'UBUTWARI MU RWANDA

**IBIRIMO**

IJAMBO RY'IBANZE....................................................................................5

INTANGIRIRO............................................................................................7

UMUTWE WA I: IBISOBANURO BY'AMAGAMBO.......................................9

1.1. Umuco.........................................................................................9

1.2. Ubutwari........................................................................................11

1.3. Umuco w'ubutwari ...............................................................................11

UMUTWE WA II. UMUCO W'UBUTWARI MU RWANDA.......................12

2.1. Ubutwari mu Rwanda rwa mbere y'ubukoroni..................13

2.2. Ubutwari mu Rwanda mu gihe cy'ubukoroni (1897-1962).........................................................................15

2.3. Ubutwari muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri (1962-1994)..........................................................................15

2.4. Ubutwari mu Rwanda mu gihe cy'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994..........................................................16

2.5. Indangagaciro z'umuco w'ubutwari...............................................17

2.6. Uruhare rw'uburerere mu kubaka umuco w'ubutwari....................18

2.7. Intwari z'Igihugu..............................................................................19

UMUTWE WA III : GUSHIMA NO GUSHIMIRA ABAKOZE IBIKORWA BY'INDASHYIKIRWA.......................................................................41

3.1. Umunsi w'Intwari z'Igihugu.......................................................42

3.2. Imidari n'Impeta by'Ishimwe.......................................................44

UMUTWE WA IV: CLUB Y'UMUCO N'UBUTWARI: INSHINGANO, IMIKORERE, N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO......45

4.1. Club y'Umuco n'Ubutwari:...........................................................45

4.2. Intego za club y'Umuco n'Ubutwari.............................................46

4.3. Inshingano za club y'Umuco n'Ubutwari............................46
4.4. Imikorere ya club y'Umuco n'Ubutwari..............................47
4.5. Uruhare rw'inzego mu ikurikiranabikorwa rya club y'umuco n'ubutwari.........................................................................50
UMUSOZO.....................................................................................54
INYANDIKO ZIFASHISHIJWE:.......................................................55

## IJAMBO RY'IBANZE

Irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka w'i 2003 nk'uko ryavuguruwe mu mwaka w'i 2015 rigaruka ku butwari rigira riti: "DUHAYE ICYUBAHIRO GIKWIYE abakurambere b'intwari bitanze batizigama bahanga u Rwanda, n'intwari zaharaniye umutekano, ubutabera, ubwisanzure, zikanagarura ituze, agaciro n'ishema by'Igihugu cyacu"[1].

Umuco w'Ubutwari ugaragara nk'inkingi ya mwamba muzakuye u Rwanda mu bihe bikomeye rwanyuzemo kandi ukaba n'umusingi ukomeye icyerekezo cy'u Rwanda cyubakiyeho. Haba mbere y'umwaduko w'abazungu, mu gihe cy'ubukoroni na nyuma yaho, igihe cyose u Rwanda rwagiye rufashwa, rukanatabarwa n'abana barwo babonaga ikibi bakanahangara kukirwanya kandi bazi neza ko byababagiraho ingaruka zirimo no kubura ubuzima bwabo.

Guhera mu Kwakira 1990, byasabye imbaraga, ubwitange no gukunda Igihugu kwa bamwe mu banyarwanda bemeye guhara inyungu zabo bwite, bakanga kureberera ubutegetsi bubi bwabaye intandaro ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, bagatangiza urugamba rwo kubohora Igihugu, bamwe muri bo bakahasiga ubuzima.

Nyuma y'imyaka 23, u Rwanda ruvuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi, isura y'u Rwanda mu miyoborere myiza, umutekano,imibereho n'imibanire y'abanyarwanda n'iterambere, igenda irushaho kuba nziza haba muri Afurika no ku isi. Kugira ngo ibi bigerweho byasabye imbaraga nyinshi, ni ngombwa gukomeza kubishyigikira no kubisigasira.

Mu gushyiraho umurongo ngenderwaho w'iterambere rirambye ry'igihugu, kwigira ku mateka ni ngombwa. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho ishingiye ku muco nyarwanda, no ku rugero rwiza rw'Intwari z'Igihugu, hagamijwe gutoza Abanyarwanda, cyane cyane

[1] Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003, ryavuguruwe muri 2015

urubyiruko, kwimakaza indangagaciro na kirazira, gusigasira ibyiza u Rwanda rumaze kugeraho no gukataza mu gukomeza kuruteza imbere.

Turashimira Guverinoma y'u Rwanda itanga umurongo mwiza wa politiki wimakaza umuco w'ubutwari abenegihugu bagenderaho.

Turashimira abanyarwanda bakurikiza umurongo mwiza igihugu gitanga, mu rwego rwo kwimakaza umuco w'ubutwari, n'ubumwe bw'abanyarwanda bagera ikirenge mu cy'Intwari z'Igihugu. Muri iyo nzira, gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"yakomeza kutubera inkingi y'ubumwe, ubutwari n'iterambere rirambye.

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, rwateguye iyi mfashanyigisho, hagamijwe kugaragaza akamaro k'umuco w'ubutwari mu iterambere ry'igihugu no gushishikariza urubyiruko gukurikiza indangagaciro zaranze Intwari z'u Rwanda mu mibereho yabo ya buri munsi.

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**

Umukuru w'Urwego

## INTANGIRIRO

Iyi mfashanyigisho ku muco w'ubutwari irerekana icyo Abanyarwanda bakwiye kwigira ku bagiye bagaragaza ibikorwa by'ubutwari mu Rwanda, hagamijwe gushishikariza abo igenewe kugera ikirenge mu cy'Intwari, no kwimakaza ubutwari mu mibereho yabo.

Iyi mfashanyigisho ni inyandiko yateguwe n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe[2].

Urwego ruteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe muri 2015, mu ngingo yaryo ya 139, rushyirwaho n'Itegeko n° 13bis/2009 ryo kuwa 16/6/2009 rigena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Urwego ni urwego rw'Igihugu ruhoraho, rwigenga, rufite ubwisanzure mu mitegekere bwite no mu micungire y'imari n'umutungo. Urwego rurebererwa na Perezidansi ya Repubulika, rugakurikiranwa, mu rwego rw'ubuyobozi na tekiniki, na Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo.

Urwego rufite inshingano nyamukuru yo gushyiraho uburyo bwo kugaragaza, gushima, gushimira no kurata abanyarwanda cyangwa abanyamahanga baranzwe n'ubutwari n'ibindi bikorwa bihebuje byagiriye u Rwanda akamaro ku buryo biba urugero rwiza.

Urwego rugizwe n'inzego ebyiri arizo:

1. **Inteko y'Urwego**: ni rwo rwego rukuru rushinzwe kuyobora no gufata ibyemezo mu byerekeye imicungire y'umutungo w'Urwego no kugaragaza abakwiye kugirwa Intwari z'Igihugu n'abahabwa Imidari n'Impeta by'Ishimwe. Igizwe n'abantu icyenda barimo Umukuru w'Urwego n'Umwungirije.
2. **Ubunyamabanga Nshingwabikorwa** : Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Urwego ni bwo bushinzwe gukurikirana imirimo ya buri munsi y'Urwego.

[2]Muri iyi nyandiko, Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe rusimburwa n'ijambo Urwego, ritangijwe n'inyuguti nkuru

Inshingano z'ingenzi z'Urwego nk'uko ziri mu Itegeko, ni izi zikurikira :

- Kugira uruhare mu igenwa rya politiki yerekeye Intwari z'Igihugu n'itangwa ry'Imidari y'Ishimwe;
- Gukora ubushakashatsi ku bikorwa by'ubutwari n'abavugwaho ubutwari n'ibindi bikorwa by'ingirakamaro ;
- Kugaragaza no gushyira ku rutonde abakwiye kugirwa Intwari z'Igihugu n'abakwiye guhabwa Imidari y'Ishimwe ;
- Gutegura uburyo bwo gushima, gushimira no kurata Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga baranzwe n'ibikorwa by'ubutwari n'ibindi bikorwa by'ingirakamaro kandi bihebuje ;
- Gufatanya n'izindi nzego kwigisha no gukangurira Abanyarwanda, cyane cyane urubyiruko, umuco w'ubutwari ;
- Kwamamaza ibikorwa by'ubutwari ;
- Gutegura indangagaciro z'umuco w'ubutwari ;
- Gukorana n'izindi nzego bihuje inshingano ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga.

Iyi mfashanyigisho igizwe n'imitwe ine ikurikira:

- **Umutwe wa mbere**: Ibisobanuro by'amagambo
- **Umutwe wa kabiri:** Umuco w'ubutwari
- **Umutwe wa gatatu**: Gushima no gushimira abakoze ibikorwa by'indashyikirwa
- **Umutwe wa kane**: Club y'Umuco n'Ubutwari

Urwego rurashishikariza ababyeyi n'abarezi kwifashisha iyi

mfashanyigisho mu gutoza abanyarwanda, cyane cyane urubyiruko, umuco w'ubutwari bihereye mu muryango, mu mashuri, mu miryango y'urubyiruko ndetse n'ahandi hose urubyiruko ruhurira. Duhore tuzirikana ko igihugu cyacu cyubatswe n'amaboko y'abo cyibarutse, ndetse bamwe bakahasiga ubuzima, bityo buri wese arusheho kwimakaza umuco w'ubutwari n'indangagaciro ziwushamikiyeho, dufatiye urugero kuri izo ntwari.

## UMUTWE WA I: IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

### 1.1. Umuco

Umuco ni ibyo abantu bahuriraho kandi bemeranywaho; ni uburyo bwo gutekereza no gukora biha umuyoboro cyangwa umurongo imyitwarire y'umuntu cyangwa itsinda ry'abantu:

- Umuco ugenga inzego z'imibereho y'abantu, ubuhanzi n'ubukorikori, ukwemera n'ubwenge bwabo;

- Umuco ukomatanya kandi ubumenyi bwose n'inyigisho umuntu agenda yunguka mu buzima bwe bwa muntu;

- Umuco w'abantu utandukanye na kamere muntu, ntuvukanwa; ni imyitwarire, imitekerereze, ubumenyi, imyemerere umuntu agenda ahererekanya n'abandi bitewe n'ahantu batuye, amateka yabo n'ibibakikije[3]

Umuco ni wo shingiro remezo ry'ubumwe bw'abenegihugu kuko bawusangiye, ukabaranga. Imibereho n'imibanire y'abantu igizwe n'ingingo nyinshi kandi zishobora gusobanurwa mu buryo bwagutse; abantu mu miryango itandukanye babaho kandi bakabana ku buryo butandukanye bitewe n'imyemerere ndetse n'amategeko agenga umuryango wabo. Uko ibihe bisimburana, imibereho ya muntu itakaza bimwe mu byari bisanzwe biyiranga nk'umurage, ikakira ibindi

[3] Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda,Imfashanyigisho ibanza, *Kigali 2013.*

bishobora guturuka mu bitirano n'ibihangano, bityo kuvuga umuco mu mibereho n'imibanire mu muryango runaka bikaba bidakwiye kwibanda ku gihe kimwe gusa ngo twirengagize ugukura k'umuco.

Umuryango nyarwanda, ufite indangagaciro na kirazira bigenga imibereho y'abawugize, bityo gusesengura umuco mu mibereho n'imibanire yabo, bikaba byibanda kuri izo ngingo ebyiri:

a) **Indangagaciro**

Indangagaciro ni imyitwarire ihebuje igaragaza cyangwa se iranga abantu batuye igihugu iki n'iki kandi bakayifataho urugero. Ni ibikorwa bishingiye ku muco byemeranyijweho n'abenegihugu, bifuza ko byahora bibaranga, bikanabitiririrwa uko ibihe bigenda biha ibindi.

b) **Kirazira**

Kirazira z'umuco w'u Rwanda ni imico cyangwa imyitwarire mibi umunyarwanda wese agomba kwirinda kandi akayirinda n'abandi, imiziro n'imiziririzo umunyarwanda yagenderaga kure kugira ngo akomeze kuba umuntu mu bandi. Kirazira ziyobora ubuzima bw'abantu, bagashishikarira iteka gukora icyiza, bikabafasha kutabangamirana.

### 1.2. Ubutwari

Kuva kera, ubutwari ni indangagaciro igaragara mu muco w'imiryango y'abantu itandukanye ituye ku isi. Mu myumvire y'abari batuye isi mu binyejana byahise, ubutwari bwajyanaga n'imbaraga z'umubiri (ibigango) hamwe n'iza gisirikari.

Uko ijambo ubutwari ryagiye ryumvikana mu mpande zitandukanye z'isi, abantu benshi bafashe ko risobanura ubwitange n'ubutwari ku rugamba. Nta tandukaniro rinini n'imyumvire mu bihugu binyuranye aho ubutwari bwajyanaga no kwitanga kurusha abandi ku rugamba.

Ubutwari ntibwafataga ibitsina byombi kimwe. Akenshi abagore ntibavugwaga kandi nabo hari ababaga barabaye intwari ndetse no ku rugamba. Mu Rwanda ubutwari bwagaragariraga cyane cyane mu bikorwa by'urugamba rwo kwagura no kurinda ubusugire bw'Igihugu.

Mu mateka ya vuba y'isi, ubutwari bufatwa nko kwiyemeza gukora ikintu ugamije ineza y'abantu benshi, byaba ngombwa ukaba wabizira. Intwari ntizitinya gutanga ubuzima bwazo bitewe n'uko ziba zemera ukuri kandi zikaba ziteguye kugupfira bibaye ngombwa. Mu bihugu bitandukanye, ubutwari bwagiye buva mu byerekeye urugamba bugenda bureberwa no mu bikorwa byose bihebuje kandi bifitiye umuryango w' abantu /igihugu akamaro.

Nko mu bumenyi n'ikoranabuhanga, mu buzima, mu bikorwa binyuranye bigamije iterambere n'imibereho myiza, tutibagiwe umutekano n'amahoro. Uwagaragaje ubutwari akitwa intwari,akaba umuntu ufasha abandi, akitanga by'ikirenga, atagamije inyungu cyangwa icyubahiro kivuye mu bikorwa bye.

### 1.3. Umuco w'ubutwari

Niba umuco usobanurwa nk'ibyo abantu bahuriraho kandi bemeranywaho, uburyo bwo gutekereza no gukora biha umuyoboro cyangwa umurongo imyitwarire y'umuntu cyangwa itsinda ry'abantu, umuco w'ubutwari wasobanurwa nk'uburyo bwo gucukumbura ibikorwa bifitiye abantu benshi akamaro, bityo buri wese agaharanira gushyira imbere inyungu rusange aho kwikunda no kwireba ubwe gusa;

Umuco w'ubutwari ni amatwara meza abantu bumvikanaho, akabaranga mu buzima bwabo bwa buri munsi, akabaha icyerekezo gihamye bagamije iterambere rusange risigasiwe no gukunda igihugu bahuriyeho, kukirinda, kukirwanirira no kurengera ubusugire bw'abagituye.

Mu Rwanda umuco w'ubutwari ugaragara mu bihe bitandukanye by'amateka y'igihugu. Amateka ya kera atwereka ko abanyarwanda bumvaga ko "u Rwanda rutera rudaterwa", ibi bikaba byaragaragazaga icyizere bagiriraga imbaraga n'ubutwari by'ingabo zabo;

Amateka kandi atwereka ko kwigomwa inyungu bwite ugamije inyungu rusange z'abanyarwanda ndetse ukaba wanakwemera guhara amagara yawe, byaranze abanyarwanda benshi. Kwanga kurwanirira igihugu kubera gutinya urupfu byari igisebo kuwabikoze, bakamucira umugani bagira bati: "Wanga guha amaraso igihugu, imbwa zikayanywera ubusa".

Umuco w'ubutwari ukwiye gufatwa nko kugira icyerekezo kimwe, buri wese agatanga umusanzu we atizigama ngo icyo cyerekezo kigerweho, nta gusigana, ugize intege nke agafashwa; intego abantu bihaye bakayigereraho ku gihe kandi umurimo abantu berekejeho amaboko bakawunoza uko bishoboka kose.

## UMUTWE WA II. UMUCO W'UBUTWARI MU RWANDA

Buri muryango mugari w'abantu ushaka kugira icyo ugeraho, ushyiraho amahame ayobora imitekerereze n'imikorere y'abawugize. Abahanga bakunze kugaruka ku mvugo igaragaza ko utagize umwanya wo kureba ibyahise bimugora kugena ejo hazaza, kuko atamenya ibyiza byaranze ibyo bihe ngo abisigasire kandi akosore amakosa yakozwe bityo ahazaza he hazarusheho kuba heza. Baca umugani mu kinyarwanda bagira bati : « Utaganiriye na se, ntamenya icyo sekuru yasize avuze ».

Kwimakaza umuco n'ubutwari mu banyarwanda muri rusange, cyane cyane urubyiruko, bisaba kubanza kugaruka ku bo tuzi bakoze ibikorwa by'indashyikirwa byagiriye igihugu akamaro, tukumva neza igihe bakoreyemo ibyo bikorwa, ikiguzi byabasabye hamwe na hamwe usanga kigera no guhara amagara yabo, tukanumva neza isomo dukwiye gukura

muri ibyo bikorwa bakoze n'indangagaciro zabaranze.

Uyu mutwe ugamije kuduha ishusho y'ubutwari bw'abanyarwanda mu bihe bitandukanye banyuzemo, haba mu gihe cy'ingoma ya cyami no kugeza ubu.

### 2.1. Ubutwari mu Rwanda rwa mbere y'ubukoroni

Mbere y'ubukoroni mu Rwanda, ubutwari bwagaragariraga cyane mu bijyanye n'urugamba rwo kurinda Igihugu cyangwa kucyagura. Ubutwari bwo muri icyo gihe bwari mu byiciro bitatu (3) bijyanye n'impeta zahabwaga abagizwe intwari. Ibyo byiciro ni ibi bikurikira :

**2.1.1.** **Umudende**: wari impeta yahabwaga ingabo yishe ababisha barindwi (7) mu itsimbiro, bivuze ko babaga baraguye mu irasaniro aho imirwano yabereye. Ni ukuvuga ko uwakomerekaga akazapfa ikindi gihe atabaga muri uwo mubare. Singombwa kuba bari bariciwe rimwe, kuko bisa nk'ibitari gushoboka, babaraga abo yagiye atsinda mu mirwano myinshi yo mu myaka myinshi. Si benshi bamenyekanye bambitswe umudende. Ariko mu bo ubushakashatsi bwamenye, harimo Umwami Kigeri III Ndabarasa wo mu kinyejana cya 18, wawambitswe akiri igikomangoma, atarimikwa, Umwami Kigeri IV Rwabugiri wawambitswe ari umwami na Nyiringango ya Nyagahinga, wo mu mutwe w'Ingangurarugo, ingabo bwite za Rwabugiri.

**2.1.2.** **Impotore**: Ni impeta yambikwagwa ingabo yishe ababisha cumi na bane (14) mu itsimbiro, mu bitero byinshi. Kugeza ubu, ntawe turamenya wambitswe Impotore.

**2.1.3.** **Gucana uruti:** Ni umugenzo intwari yacanagamo uruti rw'icumu iyo yabaga yarishe abanzi makumyabiri n'umwe (21) mu itsimbiro. Wabagaga mu birori byahuzaga i Bwami, in-shuti ze na bene wabo. Ibyo birori byatangiraga ku mugoroba,

bikarikesha. Kuva icyo gihe, iyo ntwari ntiyasubiraga ku rugamba. Byongeye kandi yahindukaga intumwa y'Umwami ihoraho, kuko Umwami yashoboraga kumutuma kumuhagararira mu birori no mu yindi mihango. Iyo yabaga iri muri ubwo butumwa, iyo ntwari yahabwaga ibigenerwa umwami haba mu myambaro no mu cyubahiro. Uwaherutse gucana uruti ni Karega ka Karigata wari ingabo yo mu mutwe w'Uruyange. Ubwo ingabo zatsindiraga ku Kidogoro zateye kwa Kabi ka Makombe, umwe mu bami b'Abashi, Umwami Rwabugiri yatumye Karega kujya gushima ingabo mu izina rye, maze Karega agenda ashoreye inzoga zo guhemba ingabo.

**Icyitonderwa**: Mu muco w'u Rwanda nta ngabo yicaga abagore, abana cyangwa se ingabo ihunga. Abahabwaga izi mpeta akenshi wasangaga banagororerwa, bagahabwa imisozi yo gutwara/gutegeka, amashyo y'inka n'ibindi.

Mbere y'uko abakoloni baza mu Rwanda, abanyarwanda bose bari bafite inshingano zo kurwanya umwanzi watera igihugu, aho yaturuka hose ndetse bagafatanya no kugira uruhare mu kucyagura. Urubyiruko rwatozwaga mu Itorero gukunda igihugu, rwasohoka rugashyirwa mu mitwe y'ingabo. Imitwe y'ingabo yabaga ifite inshingano nyamukuru yo kurinda ubusugire bw'Igihugu no kucyagura. Abagize imitwe y'ingabo barangwaga n'indangagaciro z'ubufatanye, imyitwarire myiza, no guharanira buri gihe ishema ry'umutwe.

Iyo habaga intambara yo kurengera igihugu cyangwa kucyagura, buri wese yabigiragamo uruhare bitewe n'ubushobozi afite. Abagabo n'abasore bajyaga ku rugamba, abagore bagasigara "bambaye impumbya"[4].

Uretse ingabo zashimwaga kubera ubutwari zagaragaje ku rugamba, abanyarwanda bagiraga umuco wo kugororera umuntu wese wagaragaje

[4] Abagore babaga bafite abagabo cyangwa abana bagiye ku rugamba, bacaga imyishywa n'imicyuro bakayitamiriza, indi bakayishyira ku rutaro bakayigosora, baririmba indirimbo zisabira ababo kuzacyura ubuhoro.

ibikorwa by'ikirenga bifite akamaro mu bice byose by'imibereho. Umwami, abakuru b'imiryango cyangwa n'umuryango ku giti cyawo bashoboraga kugororera umuntu wagaragaje ibikorwa byiza ku rugamba, mu busizi, mu buyobozi no mu bindi bikorwa bijyanye n'iterambere ry'igihugu. Mu gihe cya mbere y'ubukoroni, abagororerwaga bahabwaga inka, imisozi yo gutegeka, umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ibindi.

## 2.2. Ubutwari mu Rwanda mu gihe cy'ubukoroni (1897-1962)

Kuva aho u Rwanda rutakarije ubusugire n'ubwigenge ku ngoma ya gikoroni, amadini mashya akaza nayo agamije guhindura abanyarwanda, ibyarangaga imiyoborere, imyumvire n'imyemerere y'abakurambere byarasenyutse, ibindi bihindura isura n'inyito.

Mu mvugo y'abayobozi bo mu gihe cya gikoroni, amagambo "ubutwari", "gukunda igihugu" cyangwa "kwitangira abandi" ntiyigeze akoreshwa. Mu gihe cya gikoroni ikivugwa ni amategeko ya gikoroni cyangwa y'abamisiyoneri, avangura abanyarwanda, yagombaga kubahirizwa. Imihango myinshi ishingiye ku muco gakondo yateshejwe agaciro.

Nyamara ariko ntibyabujije bamwe kugaragaza ubutwari bwabo batinyuka guhangara abazungu. Urugero rw'Intwari z'Imena: Umwami MUTARA wa III RUDAHIGWA na RWAGASANA Michel.

## 2.3. Ubutwari muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri (1962-1994)

Abayobozi ba Repubulika ya mbere n'iya kabiri bakomeje imyumvire n'imyitwarire yigishijwe n'abakoroni ku byerekeye gusuzugura no kudaha agaciro umurage w'abakurambere. Bashyizeho akarusho kuko kuri bo amateka ni ayatangiranye n'icyo bise "Revorisiyo y'Abahutu" yo mu mwaka w'i 1959; birengagiza ko abanyarwanda n'u Rwanda babayeho mbere y'uko umukoroni agera muri Afurika. Bakomeje inzira yatangiwe n'abakoroni yo gucamo ibice abenegihugu no kubateranya, aho

kubahuza ngo bunge ubumwe bwahungabanyijwe n'ubukoroni bateze imbere igihugu n'imibereho myiza.

Mu gihe cya Repubulika ya mbere (1961-1973) na Repubulika ya kabiri (1973-1994), nta politiki ihamye y'ubutwari yashyizweho. Muri icyo gihe, hari abashimirwaga ahanini kubera ibikorwa byo gushyigikira politiki mbi y'ivangura n'ubwo hari abashimiwe kubera ibindi bikorwa bifitiye abaturage akamaro.

Hari abanyarwanda batinyutse kurwanya ibikorwa bya politiki mbi n'ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere n'iya kabiri, kandi bitari byoroshye, ndetse bamwe bibaviramo guhohoterwa no kwicwa. Urugero: Intwari y'Imena UWILINGIYIMANA Agathe na Michel RWAGASANA.

## 2.4. Ubutwari mu Rwanda mu gihe cy'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994

Kubera ibibazo bikomeye byari byugarije u Rwanda bijyanye na politiki mbi y'ivangura, guheza bamwe mu banyarwanda, imiyoborere mibi yadindizaga iterambere ry'igihugu, byabaye ngombwa ko bamwe mu bana b'u Rwanda biyemeza gutangiza urugamba rwo kubohora Igihugu. Ibyo byasabye ubwitange bukomeye bwaviriyemo bamwe no guhara ubuzima bwabo. Urugero: Intwari y'Imanzi Maj. Gen. Fred GISA RWIGEMA.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubutwari bwagaragariye mu kwitandukanya n'ibikorwa by'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ryayo; aha twavuga nko guhangara kurwanya mu ruhame ibitekerezo by'ivangura rishingiye ku moko, guhisha, gutabara abahigwaga no kujya ku rugamba rwo kubohora igihugu kandi uzi neza ingaruka byakugiraho.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Leta y'Ubumwe bw'Aban-

yarwanda yakoze impinduka ikomeye ishyiraho politiki yo guteza imbere umuco w'ubutwari no gukosora imitekerereze n'imikorere bivangura abana b'u Rwanda hagamijwe kubaka igihugu cy'abanyarwanda bose. Umusaruro w'iyo politiki ugaragarira mu myumvire n'imyitwarire by'abanyarwanda bishyigikira ubumwe bwabo bakagera naho babwitangira. Urugero: Intwari z'Imena z'i Nyange.

### 2.5. Indangagaciro z'umuco w'ubutwari

Komisiyo y'Intwari yatoranyije indangagaciro zikurikira, zishingirwaho mu gutoranya Intwari z'Igihugu:

1. ***Kugira umutima ukomeye kandi ucyeye:*** Kugira umutima udatinya, gushyigikira icyiza, kugaragaza ikibi no guhangara kukirwanya kandi uzi neza ingaruka;
2. ***Gukunda igihugu***: Gushyira imbere no guharanira ubusugire, iterambere, ishema by'igihugu n'ubumwe bw'abagituye;
3. ***Kwitanga:*** Kwigomwa inyungu zawe bwite, guharanira inyungu rusange byaba ngombwa ugahara ubuzima;
4. ***Kugira ubushishozi:*** Kureba kure no kumenya ukuri kutagaragarira buri wese;
5. ***Kugira ubwamamare mu butwari:*** Kurangwa n'ibikorwa by'ubutwari bizwi kandi bishimwa na benshi;
6. ***Kuba intangarugero:*** Kurangwa n'ibikorwa bihebuje, bibera abandi urugero rwiza;
7. ***Kuba umunyakuri:*** Kurangwa n'ukuri kandi ukaguharanira ntutinye no kuba wakuzira;
8. ***Kugira ubupfura:*** Umuco ugaragarira mu matwara meza, imibereho, imyifatire n'imibanire n'abandi;
9. ***Kugira ubumuntu:*** Kurangwa n'umutima ukunda abantu ku buryo buhebuje aho kubarutisha ibintu[5].

---

[5]Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo, Intwari z'u Rwanda, *Kigali 2004*

Umuco w'ubutwari, iyo umuntu abishyizeho umwete ashobora kuwitoza. Ubutwari buturuka muri ako kamenyero ko guhitamo icyiza ukanga ikibi, ukagerahoho wemera guhara amagara yawe aho gutwarwa n'ikibi. Intwari iba igamije buri gihe guhindura imibereho y'umuryango w'abantu iwuganisha aheza.

## 2.6. Uruhare rw'uburere mu kubaka umuco w'ubutwari

Abanyarwanda batozwaga bakiri bato umuco w'ubutwari, bagatorezwa mu muryango bavukamo no mu muryango mugari w'abanyarwanda. Bagahabwa uburere n'Itorero. Muri iki gihe na none ni inshingano y'umuryango, igihugu n'abafite inshingano yo kurera bose (ababyeyi, ishuri, abayobozi, abanyamadini) yo kwigisha ababyiruka indangagaciro z'umuco w'ubutwari nk'imwe mu nkingi zubatse u Rwanda.

Bimwe mu bikorwa bifatika bikwiye kwitabwaho mu rwego rwo kwimakaza umuco w'ubutwari mu banyarwanda bose cyane cyane urubyiruko ni ibi bikurikira :

- Kwigisha urubyiruko amateka ;
- Gutoza urubyiruko umuco w'ubutwari no gushinga za clubs ;
- Gusura aharanzwe n'ibikorwa by'ubutwari ;
- Gutegura amarushanwa y'imivugo, imbyino, indirimbo n'ubugeni ;
- Ibiganiro mbwirwaruhame n'ibiganiro mpaka ;
- Kwandika ibitabo byihariye ku buzima bw'Intwari z'Igihugu.

Kubera akamaro umuco w'ubutwari ufite mu iterambere, imibanire n' imibereho y'abanyarwanda, inzego zose zigomba kugira uruhare: umuryango, inzego z'ubuyobozi, imitwe ya politiki, itorero, amashuri, amadini, imiryango itari iya Leta, abikorera, amasendika.

## 2.7. Intwari z'Igihugu

Buri sosiyete igira abantu ifata nk'ikitegererezo bitewe n'ibikorwa by'ikirenga bakoze. Akenshi usanga ari Intwari z'igihugu bagakorerwa ibikorwa bitandukanye bigamije kubashima, no kubasingiza. Ahenshi bashyiraho iminsi yahariwe izo ntwari, bakazitirira imbuga n'imihanda, bakubaka amashusho yazo ahantu hahurirwa n'abantu benshi.

Mu Rwanda tugira Intwari z'Igihugu zifatwa nk'ikitegererezo kubera ibikorwa by'indashyikirwa zakoze. Hashyizweho umunsi wo kwizihiza Intwari z'Igihugu uba tariki ya 1 Gashyantare buri mwaka. Intwari z'igihugu kandi zishimwa binyuze mu bikorwa byo kwamamaza no kwandika amateka yazo.

« **Intwari** ni umuntu ukurikirana icyo yiyemeje kugeraho, kivamo igikorwa cy'ikirenga gifitiye abandi akamaro. Abikora mu bupfura n'ubwitange bihebuje, kandi akirinda ubugwari mu migirire ye, ntagamburuzwe n'amananiza»[6].

Igikorwa cy'ubutwari gishobora kugaragarira mu byiciro byose by'imibereho y'abantu n'iy'igihugu: nko kugitabara, kugitabariza, kukirengera no kugiteza imbere mu bukungu, mu mibereho myiza, mu buyobozi bwiza, mu bumenyi n'ikoranabuhanga no mu byerekeye umutekano n'amahoro.

### 2.7.1. Inzego z'Intwari z'Igihugu

Inzego z'Intwari z'Igihugu ni eshatu (3) , duhereye ku cyiciro gisumba ibindi : Imanzi, Imena n'Ingenzi**.**

- **Imanzi:** ni intwari y'ikirenga yagaragaje ibikorwa by'akatarabone-ka birangwa n'ubwitange, akamaro n'urugero bihebuje.
- **Imena:** ni intwari iyinga Imanzi, ikaba inkwakuzi mu kugaragaza ibikorwa byiza bidasanzwe, birangwa n'ubwitange, akamaro n'urugero bihanitse.

[6]Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo, Intwari z'u Rwanda, *Kigali 2004*

- **Ingenzi:** ni intwari iyinga Imena ikaba inkwakuzi mu kugaragaza ibitekerezo cyangwa ibikorwa by'ingirakamaro birangwa n'ubwitange, akamaro gakomeye n'urugero ruhanitse.

Mu rwego rw'Imanzi hashyirwamo intwari zitakiriho; naho mu rwego rw'Imena n'urw'Ingenzi hashyirwamo Intwari zitakiriho cyangwa iziriho. Intwari z'Igihugu zemejwe ni izi zikurikira:

A) **Imanzi**

a) **Ingabo itazwi izina**

Ingabo itazwi izina ni ingabo ihagarariye ingabo zose z'u Rwanda zitashoboye kumenyekana ku buryo bwihariye, zaguye ku rugamba cyangwa zashoboraga kurugwaho mu gihe cyahise, icy'ubu-ngubu n'ikizaza, zirwanirira Igihugu. Ingabo itazwi izina itwibutsa ubwitange bw'ingabo zitagira ingano ziyemeje kwitanga ziharanira guhanga no kwagura u Rwanda, ziharanira ubwigenge, zirengera ubu-sugire n'ubumwe bwarwo. Kwibuka Ingabo itazwi izina ni ikimenyetso gihebuje cyo guha icyubahiro izo Ntwari z'u Rwanda.

b) **Major General Fred GISA RWIGEMA (10/4/1957-02/10/1990)**



i. **Umwirondoro n'imibereho ye**

RWIGEMA Fred, ariwe Emmanuel GISA, ni mwene Kimonyo Anastase na Mukandirima Gatarina. Yavukiye Mukiranze**,** Akagari ka Kidahwe, Umurenge wa Nyamiyaga, Akarere ka Kamonyi, ku itariki ya 10 Mata 1957.

Intambara yo mu mwaka w'i 1959-1960 yaranzwe no gutoteza no kwica Abatutsi mu Rwanda itangiye, ababyeyi ba Rwigema Fred barahunze bagera muri Uganda. Icyo gihe yari afite imyaka itatu. Babaye mu nkambi y'impunzi ya Nshungerezi ho muri Ankole no muri Kahunge ho muri Toro, ariho Fred yize amashuri abanza kuva mu mwaka w'i 1966 kugeza mu mwaka w'i 1972.

Amashuri yisumbuye yayigiye mu kigo cya Mbarara High School muri Ankole mu mwaka w'i 1973. Yakundaga gusoma ibitabo by'abaharaniye kubohoza ibihugu byabo nka Kwame Nkrumah, Mao-Tse-Tung na Fidel Castro.

Kuva mu buto bwe yangaga akarengane n'amacakubiri akanabirwanya adatinya. Nk'igihe umwarimu wabo witwaga Oto Bere ashimuswe n'abasirikare ba Idi Amin. Fred abimenye akoranya ishuri ryose, maze abanyeshuri bagera kuri 800 bafunga inzira zavaga ku kigo, imodoka ya ba basirikare ibura aho ica, umwarimu bamusiga aho baragenda. Nyuma umupolisi mukuru wa Mbarara yaramukubitishije, we n'abandi bana bari bafatanije, we banamucyurira ko ari impunzi adafite ijambo muri politiki y'igihugu. Fred abasubiza agira ati:"ikibazo si uko narenganuye mwarimu wacu ndi impunzi, ahubwo ni uko yari afatiwe ubusa azira ubwoko bwe."

Mu mwaka w'i 1974, Fred yagiye mu gihugu cya Tanzaniya we n'abandi basore bagiye gukurikirana imyitozo ya gisirikare na politiki, batumiwe na Yoweri Kaguta Museveni wateguraga kurwanya ubutegetsi bubi bwari muri Uganda. Muri Nyakanga 1976 nibwo bagiye i Montepwezi muri Mozambike, bari mu mutwe wa FRONASA (Front for National Salvation), yari abereye umwe mu bagaba akuriye "Mondlane $4^{th}$ Infantry Column", uwo mutwe wafashwaga na Mwarimu Julius Nyerere wa Tanzaniya.

Fred yaje kuba umusirikari w'ingabo za Uganda zitwaga UNLA (Uganda, National Liberation Army), ari zo zakuyeho ubutegetsi bwa Idi Amin Dada

mu mwaka w'i 1979. Mu mwaka w'i 1980 yavanywe mu ngabo, aba umujyanama wa Kaguta Museveni. Kaguta Museveni atangiye intambara y'ishyamba (guerrilla) yamaze imyaka itanu, Fred yahagurukanye na Kagame Paul i Kampala ku wa 11 Gashyantare1981 hamwe n'abasore 27.

Mu mwaka w'i 1985, Fred yayoboraga umutwe w'ingabo za NRA ishami rya gisirikare rya 'National Resistance Mouvement" yakomotse muri UPM mu burengerazuba bw'igihugu, intara ya Toro, maze yinjiza abasore bize amashuri makuru (intellectuals/intellectuels). Maze abanyarwanda babona aho bitoreza intambara yo kuzabohora u Rwanda..

Fred yari umusirikari ufite imikorere n'imyifatire y'indakemwa, akaba intangarugero mu kubahiriza amategeko, akagira discipline n'ubuhanga budasanzwe bwo kuyobora. Yabaye uwungirje Umugaba Mukuru w'Ingabo (Deputy Army Commander), aba Minisitiri wungirije w'Ingabo (Deputy Minister of Defence), aba n'Umugaba Mukuru ushinzwe imirwano ya NRA (Overall Operations Commander**).**

Yatsinze ibitero byinshi mu ntambara za Uganda: urugero ni Rubona ho muri Toro, no mu majyaruguru ya Uganda: Gulu, Kitgum na Korner-Kilakaho abasirikare be 300 batsimbuye abarenga 1000 b'umwanzi, hagwa n'umugaba wabo Eric Odwal. Iganga ho mu ntara ya Jinja, yahatsimbuye Alice Lakwena, wari warigize ikigomeke n'ingabo ze ibihumbi 5 abarenza Busiya ku mupaka wa Kenya.

Muri iyo myaka yose yarwaniraga mu mahanga, Fred yahozaga u Rwanda ku mutima; yakundaga kuvuga ati "kuzabohora u Rwanda ni ngombwa"; "u Rwanda rugomba kuva mu karengane byanze bikunze, n'ubwo byazageza ryari ndetse n'aho bamwe muri twe twaba twarapfuye".

Ntiyahwemye kwifatanya n'abandi banyarwanda bari bibumbiye muri RANU (Rwandese Alliance for National Unity) kuva wa 1979, bitegura kuzabohora u Rwanda. Kandi no ku rugamba abana b'abanyarwanda

bahamusangaga yabashishikarizaga kumenya igihugu cyabo no guhora bibuka ko aribo bazakibohora, akabatoza kwihangana, gukorana umurava, ubupfura na disipilini.

Kuva mu mwaka w' i 1979 kugeza mu Ukuboza 1987, RANU yari ihuje abiteguraga kubohora u Rwanda cyane cyane abari impunzi, yaje kuyagurira amarembo, ijyamo abanyarwanda bafite politiki zinyuranye bahuriye ku guharanira demokarasi, amahoro n'ubumwe. Uwo muryango nibwo wahawe izina FPR (Front Patriotique Rwandais)/ RPF (Rwandan Patriotic Front) Inkotanyi.

Mu mwaka w'i 1989 yagize uruhare runini mu ivugurura ry'inzego z'Umuryango wa FPR-Inkotanyi, ashimangira ibikorwa by'ubukanguram-baga, imyitozo n'amahugurwa. Atorerwa kuba umuyobozi mukuru wawo.

Fred yateguye igitero cy'Ukwakira1990; yararitse abantu bose yabonaga bashoboye gufatanya n'Inkotanyi, bahuje ibitekerezo bya politiki, basangiye no gukunda u Rwanda, abari mu Rwanda no mu mahanga. Yahuje abanyamuryango n'abasirikare bari batatanye muri za burigade zinyuranye muri Uganda, abashakira n'ibikoresho by'intambara. Ibyo byose yabikoze mu gihe gito kandi mu ibanga rikomeye.

Fred GISA RWIGEMA yaguye mu mudugudu wa Nyampeke, Akagari ka Kayonza, Umurenge wa Matimba, Akarere ka Nyagatare, ku wa 2 Ukwakira 1990, mu rugamba rwo kubohora Igihugu, ku munsi wa kabiri arutangije.

### ii. Amasomo twakwigira kuri Major General Fred GISA RWIGEMA

Rwigema Fred yagaragaje umutima ukomeye kandi ucyeye ku rwego ruhebuje mu mibereho ye yose. Aho yabaye hose yarwanyije akarengane, arwanya ikibi, atitaye ku ngaruka byamubyarira.

Yari azi ubukana bw'intambara ariko ntiyatinya kuyobora iyari iruhije kurusha izindi, ariyo yo kubohoza u Rwanda.

Yagaragaje umutima ukunda Igihugu no kugikorera ari icyamwakiriye mu buhungiro ari n'u Rwanda rwamubyaye. Yakunze igihugu aba n'umuhuza w' Abanyarwanda. Abatoza ubunyarwanda, umuco n'amateka by'u Rwanda.

Yagaragaje ubutabera, aho yabaye hose yaharaniye kurenganura abarengana. Ubuzima bwe bwose bwabaye kwitanga bigera n'aho apfa aharanira kubohora u Rwanda.

Yagaragaje ubwitange buhebuje, ahara ubuzima bworoshye, ahangara urugamba akiri muto, arwana intambara nyinshi agamije gutegura iyo kuzabohora u Rwanda.

Yabaye umunyakuri aho yabaye hose. Ntiyigeze ahisha ko ari Umunyarwanda mu gihe bamwe biyitaga abanyamahanga ngo baramuke.

Yagaragaje ubuhanga n'ubushishozi buhebuje, Umuryango wa FPR-Inkotanyi awuha inzego zikwiye, abanyamuryango abahuriza ku ntego imwe yo kubohora no kurengera u Rwanda.

Yagaragaje ubupfura buhebuje mu mico no mu mibanire, agira umurava, yicisha bugufi, yubaha abantu bakuru n'abatoya atitesheje agaciro.

Yagaragaje ubumuntu buhebuje: yigomwe ibintu byinshi yari afite n'ibyo yashoboraga kugira, abigurana urukundo rw'abantu n'urw'Igihugu.

Yabereye Abanyarwanda urugero ruhebuje, abamumenye n'abatamumenye, mu mibereho ye no mu bwitange bwe. Ingabo yabereye umugaba zamwibonagamo akazitera ubutwari.

Ubutwari bwe bwamugize icyamamare, ashimwa kandi akundwa nk'intwari y'Afurika.

B) **Imena**

## a) Umwami MUTARA wa III RUDAHIGWA (1911-1959)



### i. Umwirondoro n'imibereho ye

Mutara Rudahigwa ni mwene Yuhi Musinga na Nyiramavugo Kankazi Radegonda, yavukiye i Mwima ya Nyanza muri Werurwe 1911. Abatizwa na Musenyeri Léon Classe ku wa 17 Ukwakira 1943, yitwa Charles Léon Pierre, abyarwa muri batisimu na Pierre Ryckmans wari Guverineri Mukuru wa Kongo Mbiligi na Ruanda-Urundi.

Yize mu ishuri ribanza ry'i Nyanza kuva mu mwaka w'i 1919 kugeza mu w'i 1923. Iryo shuri ryari rigenewe abana b'abatware riyobowe n'Ababiligi Defawe na Lenaerts. Yari umuhanga mu mashuri yize n'ibyo we yiyigishije. Yahawe inyigisho yihariye y'ururimi rw'Igifaransa.

Mu buto bwe yafatanyije na se amubera umukarani kuva mu mwaka w'i 1924 kugeza mu mwaka w'i 1929, ntiyamucikaho nk'abandi bahakirizwaga ku bazungu, arabitoterezwa, arakeneshwa.

Yabaye umutware wa Nduga na Marangara mu mwaka w'i 1929. Musenyeri Classe yaramwiyegereje, aramwigisha, amutegurira kuba Umwami w'umukirisitu umwumvira.

Yimitswe na Guverineri Voisin ku wa 16 Ugushyingo 1931, se Yuhi Musinga amaze gukurwa ku ngoma ku wa 12 Ugushyingo 1931. Mutara Rudahigwa yamaze kwima, aca iteka ry'uko Abanyarwanda bagomba kuyoboka idini Gatolika.

Mu nzara ya Ruzagayura, bamwe bita Matemane (1942-1944), Umwami Mutara Rudahigwa yarwanye ku baturage. Yatanze inka ze nyinshi, yaka n'izindi abatware be nk'umusanzu wo kugaburira abashonje. Yaremye umutwe w'abahigi na we abarimo, witwaga "Ingirakamaro"bo ku Mayaga, biyemeje guhiga bakica inyamaswa zo kugaburira abashonje. Muri icyo gihe yashyigikiye indi mirimo yo guteza imbere igihugu, nko gutera amashyamba no guharura imihanda.

Umwami yafatanije n'ubutegetsi bwa Leta Mbiligi mu mirimo yose yatezaga imbere u Rwanda; yitaye cyane ku guhingisha imyaka ngandurarugo irwanya inzara n'ibihingwa bizana imari nk'ikawa. Yaguye umutungo w'Igihugu muri rusange, ashyira mu isanduku y'Igihugu amafaranga avuye mu mirima ya pireteri mu Kinigi.

Urukiko rw'Umwami Mutara Rudahigwa yari abereye umucamanza mukuru ni rwo rwari rukuru mu nkiko zindi z'Abanyarwanda. Yarugaragajemo ubutabera ku buryo atihanganiraga akarengane; yahanaga yihanukiriye abakomeye batsinzwe bahuguza ibya rubanda.

Muri icyo gihe bamwe mu bamisiyoneri Gatolika n'abahagarariye Leta Mbiligi bakimbiranye n'Umwami Mutara Rudahigwa. Harimo bamwe mu bize mu ishuri rya Astrida (Butare) barangajwe imbere na Frère Secundien wategekaga iryo shuri, bashyigikiwe na Guverineri w'u Rwanda n'u Burundi E.Jungers. Intego yabo yari iyo kumukura ku ngoma ngo bamusimbuze umwe mu bize Astrida (Abashariti). Kugirango abaneshe, Rudahigwa yakoresheje ubuhanga n'ubushishozi budasanzwe; amenya gutandukanya Ababirigi bategekaga gikoloni n'aba Leta y'u Bubiligi. Mu gihe intumwa z'Umuryango w'Abibumbye (O.N.U.)

zazaga gusura u Rwanda bwa mbere mu mwaka w'i 1948, abarwanyaga Umwami bari baremeje Leta y'Ababiligi ko ari umwanzi wabo kandi ko azabaregera izo ntumwa. Amenye gahunda y'izo ntumwa, azenguruka u Rwanda yumvisha abatware n'abaturage uko bazifata kuri abo bashyitsi badasanzwe. Ati " buri wese muri mwe afite icyo yinubira Umubiligi uyu n'uyu waba yaramufudikiye, ariko twe kuba abaswa, amafuti yabo badutegeka ino ashobora kuba atazwi na Leta y'iwabo. Ntitwakwiteranya nayo kubera abari ino badufudikira". Ayo mabwiriza yarakurikijwe ntibarega Ababirigi n'Umwami Rudahigwa ubwe abavuga neza.

Abamurwanyaga bagaragara nk'abanyabinyoma bituma Guverineri Jungers na Frère Secundien basubizwa i Burayi. Umwaka wakurikiyeho, muw'i 1949, Umwami Mutara Rudahigwa yatumiwe na Leta y'Ububiligi gusura icyo gihugu nk'incuti n'umushyitsi w'imena.

Umwami Mutara Rudahigwa yakuyeho amakoro yatangwaga i Bwami no mu batware, ayasimbuza inyongera ku musoro utangwa n'abaturage. Akuraho n'inkuke zakamirwaga Umwami, arema amashyo y'inka ze bwite. Ibyo yabikoze afatanyije n'Inama Nkuru y'Igihugu.

Mu mwaka w'i 1954 yaciye ubuhake, hanyuma mu mwaka w'i 1956 aca imirimo y'agahato yitwaga "akazi". Ibyo byerekanye urukundo Umwami Mutara Rudahigwa yari afitiye abaturage, afunga inzira abayobozi b'ibisambo bacagamo ngo babakubirane. Byerekanye kandi urukundo rw'igihugu, agishakira iterambere ubundi ritashoboka abaturage bafite ibibabangamiye.

Mu mibanire y'abantu, Umwami Mutara Rudahigwa afatanyije n'Inama Nkuru y'Igihugu yasabye ko bakura mu bitabo by'umusoro (indangamuntu) ibyanditsemo: umuhutu, umututsi, umutwa ; ariko ubutegetsi bw'Ababirigi burabyanga. Ibyo nanone byerekanye ubushishozi bw'uwo mwami, kureba kure no kumenya ukuri kutagaragarira buri wese. Muri iyo nzira na none yashyize Abatwa ku rwego rumwe n'abandi banyarwanda abasangiza na bo, abuza kuzongera kubanena.

Yitaye cyane ku mashuri: yashinze isanduku (Fonds Mutara) yo gufasha mu kwigisha abana b'abanyarwanda. Yasabye Koleji Abayezuwiti barayimuha, ndetse ibikoresho byo kuyubaka bikoranyirizwa i Gatagara aho yagombaga kubakwa, nyuma Abayezuwiti bisubiraho bayijyana i Bujumbura iba " Collège Interracial du Saint Esprit ".Yashyigikiye ishuri ry'Abayisilamu ryitwa Intwari riri i Nyamirambo i Kigali, atera inkunga ishuri ryatangiwe n'Abayozefiti i Kanyanza.

Yarwanye n'intambara ikomeye yo kohereza abanyeshuri muri Kaminuza z'i Burayi, Ababirigi batabishaka, ashyigikira amashuri adashingiye ku idini bimuteranya n'abapadiri. Bigaragaza ko Umwami Mutara Rudahigwa yahirimbaniye uburezi bw'abana b'Abanyarwanda, akaba yarateganyirizaga u Rwanda imigambi ihamye y'ubumenyi.

Muri Gicurasi 1959, Umwami n'abatware be, bahaye intumwa z'Ababiligi zitwaga "Groupe de Travail" inyandiko ivuga ko abo batware beguye, bakazajya batorwa n'abaturage. Ibyo yabigize ashakira Igihugu demokarasi. Yahirimbaniye ubwigenge bw'Igihugu.

Umwami yatanze mu buryo butunguranye ku wa 25/7/1959, i Bujumbura kwa muganga yitegura kujya muri Amerika gusobanura muri O.N.U ikibazo cy'u Rwanda. Umugogo we watabajwe i Mwima mu mujyi wa Nyanza.

### ii. Isomo twakura ku Mwami MUTARA wa III RUDAHIGWA


Yagize umutima ukomeye kandi ucyeye, ntiyatinya guhangana n'Ababiligi bari bamufiteho ububasha bukomeye aharanira ubwigenge bw'Igihugu, cyane cyane nyuma y'umwaka w'i 1952.Yagaragaje gukunda Igihugu no gushyira imbere ubwigenge bwacyo.

Yaharaniye ubumwe bw'Abanyarwanda, arwanya akarengane mu rwego rw'ubutabera, agahana yihanukiriye abarenganyaga abandi, agaragaza ko imitegekere ya gakondo yahinduka igashingira kuri demokarasi.

Umwami Mutara Rudahigwa yaramamaye cyane ku buryo yari akunzwe n'Abanyarwanda agaragaraho kuba ari inkingi yabo.

Yakunze Igihugu aharanira kugiteza imbere mu ngeri nyinshi z'umuco, uburezi, ubukungu n'umubano, ari uw'Abanyarwanda ubwabo, ari uwo hagati y'u Rwanda n'amahanga ahereye ku bihugu birukikije. Yitanze atizigama aharanira ubwigenge bw'u Rwanda.

**b) RWAGASANA Michel (1927-1963)**



i. **Umwirondoro n'imibereho ye**

Rwagasana Michel ni mwene Rugango na Nyiramujyambere. Yavukiye i Gitisi na Nyamagana mu Karere ka Ruhango mu Ntara y'Amajyepfo mu mwaka w'i 1927.

Yize amashuri abanza i Kabgayi kuva mu mwaka w'i 1940 kugera mu mwaka w'i 1945, ayisumbuye ayiga muri Groupe Scolaire ya Astrida (Butare), mu Karere ka Huye, Intara y'Amajyepfo. Kuva mu mwaka w'i 1945 kugeza mu mwaka w'i 1950, ahakura impamyabushobozi mu by'ubutegetsi (Diplôme d'Assistant Administratif).

Yabaye umukozi wa Leta Mbiligi muri Teritwari ya Ruanda-Urundi mu biro bishinzwe abakozi kavukire, i Bujumbura, kuva muri Mutarama 1950. Yabaye umunyamabanga w'Inama Nkuru y'Igihugu cy'u Rwanda kuva ikijyaho ku wa 14 Gashyantare 1954. Yabaye umunyamabanga wihariye w'Umwami Mutara Rudahigwa. Yabaye umunyamabanga wa mbere w'ishyaka rya UNAR (Union Nationale Rwandaise/Abashyirahamwe b'u Rwanda) muri Nzeri 1959. Yoherejwe mu

butumwa bunyuranye mu mahanga, nko mu nama y'Ibihugu bitagira aho bibogamiye yabereye i Casablanca muri Maroc, mu nama yashinze Mouvement National Congolais (M.N.C) i Stanleyville (Kisangani), mu nama y'Umuryango w'Abibumbye (O.N.U), maze aho hose agaragaza ubuhanga n'urukundo rw'Igihugu. Yashyizwe ku isonga ry'ishaka UNAR mu guharanira ubwigenge bw'u Rwanda.

Avuye guharanira ubwigenge muri ONU mu mwaka w'i 1960, yaratotejwe ahungira muri Uganda, ahunguka mu w'i 1961 azanywe no gutegura amatora y'abadepite yo mu wa 1961 kubera ko yari yiyemeje hamwe na bamwe bo mu ishyaka rya UNAR kujya mu butegetsi bwa Repubulika : bashakaga gukomeza guharanira ubwigenge no guhangana na politiki y'amacakubiri yari ishyigikiwe na Leta y'agateganyo yari iyobowe n'Abazungu n'Abanyarwanda bashyizweho n'abategetsi b'Ababiligi.

Yabaye umudepite uhagarariye UNAR (Union National Rwandaise) muri Teritwari ya Nyanza mu Nteko Ishinga Amategeko kuva mu mwaka w' i 1961 kugeza mu mwaka w'i 1963. Muri iyo nteko yagaragaje umwete mu gukosora umushinga w'itegeko nshinga ryo mu mwaka w'i 1962.

Yiciwe i Nyamagumba mu Ruhengeri hamwe n'abandi bafatiwe mu gitero cy'Inyenzi cyangwa babyitiriwe, bishwe n'ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere, mu Kuboza 1963.

Rwagasana Michel ashyinguye mu irimbi rusange rya Nyamagumba, mu Kagari ka Ruhengeri, Umurenge wa Muhoza, Akarere ka Musanze.

**ii. Amasomo twigira ku buzima bwa RWAGASANA Michel**

Rwagasana Michel yagaragaje umutima ukomeye kandi ucyeye. Yabaye ku isonga mu baharaniye ubwigenge. Mu buzima bwe, yagaragaje gukunda Igihugu, ahangara kuva mu buhungiro aza guhangana na Leta Mbiligi yari ifite ubushobozi bukomeye n'ubushake buke bwo gushyigikira

ubwigenge. Yabikoze azi neza ingaruka bishobora kumukururira.

Yagaragaje ubwitange buhebuje, imirimo yashinzwe mu nzego z'ubutegetsi yayikoranye umwete n'ubuhanga.

Yagize ubushishozi bukomeye abona kare ko inzira y'irondakoko itazubaka u Rwanda, ahitamo inzira y'ubumwe ayiharanira uko ashoboye kose.

Yatanze urugero rwiza rwo gushyira imbere inyungu z'Igihugu, ubwigenge n'amajyambere yacyo, aho kubirutisha inyungu ze bwite, yanga kwemera irondakoko ngo ahabwe imyanya mu butegetsi yashoboraga kugenerwa na Gerigori Kayibanda wari Perezida wa Repubulika, yari abereye se wabo.

Yagaragaje ubupfura mu mibereho ye, yashimwe n'abo bakoranaga kubera umwete n'ubwangamugayo bwe no kuba umuntu ugororotse, akagaragaza ubumenyi n'ubushobozi mu mirimo yose yashinzwe haba muri Leta Mbiligi, haba mu Nama Nkuru y'Igihugu, haba mu ishyaka rye, haba no mu Nteko Ishinga Amategeko.

Yagaragaje ubumuntu mu mibereho ye, yagiraga umutima ukunda abantu ntabarutishe ibintu. Rwagasana Michel yaharaniye ubumwe bw'Abanyarwanda bituma ahara byose kugeza no ku buzima bwe.

### c) UWILINGIYIMANA Agathe (23/06/1953 - 07/04/1994)



#### i. Umwirondoro n'imibereho ye

UWILINGIYIMANA Agathe ni mwene Ntibishirakandi Yuvenali na Nyirantibangwa Saverina. Yavukiye i Gikore, mu Kagari ka Sabusaro,

Umurenge wa Kansi, Akarere ka Gisagara, mu Ntara y'Amajyepfo, ku wa 23 Kamena 1953.

Yize amashuri abanza i Gikore (1960-1963), akomereza i Kansi (1963 -1966). Ayisumbuye yayize muri Lycée Notre-Dame de Cîteaux (1966-1973), ahakura impamyabumenyi y'ubwarimu D7. Amashuri makuru yayize mu Ishuri Rikuru Nderabarezi ( I.P.N.) i Butare (1973-1976), ahakura impamyabumenyi yo kwigisha imibare n'ubutabire. yakomereje muri Kaminuza y'u Rwanda (1984-1986) ahakura impamyabushobozi ihanitse mu butabire. Kuva mu mwaka w'i 1976 kugeza mu mwaka w'i 1984, yabaye umwarimu mu ishuri mbonezamubano ryo ku Karubanda i Butare, yigisha imibare n'ubumenyi. Kuva mu mwaka w'i 1986 kugeza muri Werurwe 1989, aba umwarimu w'ubutabire mu Rwunge rw'amashuri i Butare ari n'umushakashatsi mu kigo cy'ubushakashatsi ku miti ya gakondo ( CURPHAMETRA). Mu 1986, yashinze koperative yo kuzigama no kuguriza mu bayobozi n'abarimu bagenzi be bo mu Rwunge rw'amashuri rwa Butare, bityo abayobozi bakuru b'Igihugu bamugira Umuyobozi w'Inganda nto n'iziciriritse muri Minisiteri y'Inganda n'Ubukorikori mu mwaka w'i 1989, aho yakoze kugera muri Mata 1992.

Kuva ku wa 16 Mata 1992 kugeza ku wa 16 Nyakanga 1993, yabaye Minisitiri w'Amashuri abanza n'Ayisumbuye; ibi byabayeho nyuma y'imishyikirano hagati ya Perezida HABYARIMANA Yuvenari n'amashyaka ataravugaga rumwe na Leta ye, harimo na MDR Agatha yabarizwagamo. Nka Minisitiri w'Amashuri abanza n'Ayisumbuye, yahangaye gukuraho politiki y'iringaniza rishingiye ku moko mu mashuri, abana bakemererwa kwiga hakurikijwe amanota bagize mu bizamini bya Leta. Ibi byamuviriyemo kwangwa no gutotezwa na benshi mu bari bashyigikiye politike mbi y'amacakubiri.

Ku wa 17 Nyakanga 1993, Agatha Uwiringiyimana yabaye Minisitiri w'Intebe. Ibi ntibyashimishije bamwe mu bakuru b'ishyaka rye

rya MDR, nabo bifuzaga uwo mwanya, byaje no kumuviramo kuryirukanwamo. Nka Minisitiri w'Intebe, yatinyutse guhangara ingoma y'igitugu kandi ayirimo, arwanya ivangura n'akarengane yeruye.

Yishwe "n'ingabo za Perezida Habyarimana Yuvenali " ku wa 7 Mata 1994, mu ntangiriro ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Yapfuye amaze kwitegura kujya kuri radiyo kuvuga ijambo rihumuriza Abanyarwanda kuri radiyo y'Igihugu.

### ii. Amasomo twakwigira kuri UWILINGIYIMANA Agathe

UWILINGIYIMANA Agathe yaranzwe n'umwete ku buryo budashidikanywa, ari mu murimo we wa Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, ari no mu wa Minisitiri w'Intebe.

Yagize umutima ukomeye kandi ucyeye: igihe yari Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yahangaye gukuraho akarengane mu mashuri, icyo gihe abashinze icyo bise "iringaniza" bari bagitegeka Igihugu. Yaharaniraga kurenganura abakandamijwe n'ingoma y'igitugu, hagakurikizwa ubushobozi bwa buri munyeshuri.

Yakunze Igihugu, ahangara no kujya ku isonga rya politiki ari umugore, bitari bisanzwe mu gihugu; ntiyatinye guhangana n'ingoma y'igitugu mu mvugo no mu ngiro.

Agathe yamamaye mu butwari. Ari mu bashinze Umuryango FAWE ugamije guteza imbere uburere bw'Abanyafurikakazi. Yaharaniye kandi iterambere ry'abanyarwandakazi agira uruhare mu gushinga Umuryango "SERUKA", ugamije gukangurira umunyarwandakazi kwitabira amajyambere y'Igihugu. Yabaye Minisitiri w'Intebe w'Umunyarwandakazi wa mbere mu Rwanda, aba uwa kabiri muri Afurika.

Agathe yabaye umunyakuri; yahuje imvugo n'ingiro, aba intangarugero mu kurwanya amacakubiri mu burezi no mu buyobozi. Abamuzi bemeza ko

atatsimburwaga ku gitekerezo igihe yabonaga kiri mu kuri; yahanganye n'ingoma y'igitugu ayirwanya atazuyaza, ntiyagamburuzwa n'ibitotezo.

Yagaragaje ubwitange n'ubumuntu kugeza ku ndunduro, agerageza guhumuriza Abanyarwanda no kubatabariza mu bihe by'amahina kandi nawe ubwe atorohewe n'ibitotezo. Yagaragaje ukwitanga guhebuje, akomeza imirimo ye y'ubuyobozi, agerageza kugarura ituze mu gihugu cyari cyigabijwe n'abicanyi, kugeza yishwe ku wa 7 Mata 1994.

### d) NIYITEGEKA Félicité (1934-1994)



#### i. Umwirondoro n'imibereho ye

NIYITEGEKA Félicité ni mwene Sekabwa Simoni na Nyirampabuka Angelina. Yavukiye mu mudugudu wa Kidahire, Akagari ka Ryakibogo, Umurenge wa Gishamvu, Akarere ka Huye,mu mwaka w'i 1934. Yari ubuheta mu muryango w'abana cumi, barimo Koloneli Nzungize Alphonse wategekaga ikigo cya gisirikare cyo mu Bigogwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Félicité yize amashuri abanza mu Ishuri ribanza ry'Abenebikira rya Butare, guhera mu mwaka w'i 1941 kugera mu mwaka w'i 1946, akomeza ayisumbuye i Save mu ishuri ry'Abarimukazi ryayoborwaga n'Ababikira Bera. Mu ishuri yari umuhanga agahora mu b'imbere .

Arangije amashuri yisumbuye mu mwaka w'i 1952, yigishije mu Ishuri ry'Abarimukazi ry'i Muramba ry'Abafasha b'Ubutumwa muri

Diyosezi ya Nyundo, aba umukobwa wa mbere mu Rwanda no muri Afurika winjiye muri uwo muryango. Kuva ubwo akorera Diyosezi ya Nyundo. Yaje kuba umukuru w'Abanyarwandakazi bagiye mu muryango w'Abafasha b'Ubutumwa.

Mu mwaka w'i 1994, Jenoside yakorewe Abatutsi yatangiye ari ku Gisenyi aho yiciwe ku wa 21 Mata 1994 azira ko yarwanye ku Batutsi bahungiye mu kigo "Centre St. Pierre" yari abereye Umuyobozi.

Mu mwaka w'i 1994, ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yabaga, Niyitegeka Félicité yari mu Karere ka Rubavu mu kigo cy'amahugurwa cyitwaga Centre St Pierre, aha hantu hari hihishe abantu benshi barimo Abafasha b'Ubutumwa ba Diyosezi ya Nyundo bari baje mu nama isanzwe ibahuza bose buri mwaka. Bayitangiye ku ya 4 Mata 1994, Jenoside itangiye bamwe ntibashobora gutaha batinya kwicwa; hari abasanzwe bacumbitse cyangwa bakora mu kigo; impunzi zaturutse mu kigo cya Kaminuza cya Mudende, izaturutse mu ishuri rikuru ryo ku Gisenyi "Institut St Fidèle", n'abavuye muri Hotel Méridien Izuba, ingabo za MINUAR zahabarindiraga zimaze gutererana u Rwanda.

Félicité yahoraga ahagaze, yakira abaza mu kigo, abashakira ikibatunga. Igihe kinini yakimaraga asenga hamwe n'abo bantu bose yari ahishe. Ku manywa na nijoro yahamagarwaga kenshi kuri telefoni, incuti ze zimumenyesha abantu benshi bishwe hirya no hino muri Diyosezi ndetse abwirwa ko n'ikigo ayobora kizaterwa " inyenzi" zihishemo zikicwa. Ni bwo musaza we Koloneli Nzungize Alphonse amutumyeho ngo asezerere impunzi maze ave muri icyo kigo, undi amusubiza amuhakanira atya :

"*Mon frère chéri, urakoze kuba washatse kunkiza. Ariko aho gukiza ubuzima bwanjye ntakijije abo nshinzwe, abantu 43, mpisemo gupfana nabo. Dusabire tugere ku Mana kandi unsezerere umukecuru (mama we) n'umuvandimwe.*

*Ngeze ku Mana, nzagusabira. Witware neza! Bityo ndagushimiye cyane kuba wantekereje. Niba Imana idukijije nk'uko tubyizeye ni ah'ejo".*

***Umuvandimwe wawe Félicité Niyitegeka.***

Muri iyo minsi Félicité yakoze uko ashoboye ngo akize abahungiye mu kigo "Centre St. Pierre "abacikishiriza muri Congo nijoro. Ku wa 21 Mata 1994 ku gicamunsi, igitero cy'Interahamwe cyageze kuri « Centre St. Pierre » muri minibisi ebyiri ; abo bicanyi bakoranya abo bahasanze babajyana kubicira ku irimbi ryo mu mujyi wa Gisenyi. Félicité yasabiye imbabazi abo burizaga imodoka biba iby'ubusa, na we yinjira muri iyo modoka. Interahamwe ziramubuza ngo we ntizimwica ari mushiki wa Koloneli, aranga ati " keretse nimureka kwica abo bose turi kumwe".

Bageze ku irimbi interahamwe zibica mu mwanya muto zikoresheje imbunda zitavuga zibajugunya mu byobo byacukuwe aho, Niyitegeka Félicité bamwica nyuma y'abandi bose.

ii. **Amasomo twakwigira kuri NIYITEGEKA Félicité**

Niyitegeka Félicité yagaragaje umutima ukomeye kandi ucyeye, ubushishozi n'urukundo rukomeye, aharanira ubumwe n'uburenganzira bwa muntu, aba umunyakuri, arwanya amacakubiri ashingiye ku moko, arabyitangira bikomeye agera n'aho ahara ubuzima bwe.

Yari yariyemeje guharanira ubumwe n'amahoro, n'ubwo yari azi ingaruka byamugiraho ; urugero ni nko mu kanama k'"Ubutabera n'Amahoro" yayoboraga muri Paruwasi ya Gisenyi aho yigeze kuvuga ati: « Jye narangije kwitegura kuba intumwa y'amahoro n'igitambo cy'ubumwe, n'ubuzima bwanjye nabutanga ngo u Rwanda rugire amahoro n'ubumwe ».

Yabaye indakemwa mu mibereho ye, ahuza imvugo n'ingiro, arangwa n'ubupfura n'urugwiro. Yagize umutima ukunda abantu ku buryo buhebuje

kugeza aho apfana nabo, kubera kwanga kwitandukanya nabo. Ibi yabikoze azi neza ko yabizira, bikanamuviramo kubura ubuzima.

Ibikorwa n'ubutwari Niyitegeka Félicité yagaragarije Abanyarwanda bose, urugero rwiza rwo gukunda igihugu,byatumye agirwa Intwari y'Igihugu.

**e) Intwari z'i Nyange**

i. **Umwirondoro n'imibereho yabo**

Intwari z'i Nyange ni Intwari z'Igihugu zo mu cyiciro cy'Imena. Ni abari abanyeshuri mu ishuri ryisumbuye rya Nyange; bigaga mu mwaka wa 5 n'uwa 6, banze kwitandukanya igihe baterwaga n'abacengezi, mu ijoro ryo ku wa 18 rishyira ku wa 19 Werurwe 1997. Bahatiwe kwitandukanya babwirwa ngo Abatutsi bajye ukwabo, n'Abahutu ukwabo", maze barabyanga barasubiza bati: "**Twese *turi Abanyarwanda***".

Igitero cyagabwe ku wa 18 Werurwe 1997 guhera mu bya saa mbiri y'ijoro. Cyari kigizwe n'abacengezi benshi bafite imbunda bari kumwe n'abaturage benshi bitwaje intwaro za gakondo.

Abacengezi babiri ni bo binjiye mu mashuri, abandi basigara hanze ku kibuga. Abo bacengezi bateye abazamu babiri, bica umwe witwaga Zibera Jean Baptiste, bakomeretsa undi witwa Kayisinga.

Mbere y'uko binjira mu ishuri, abanyeshuri bo mu wa gatandatu babanje kumva urusaku rwinshi rw'amasasu ku marembo y'ikigo, bumva umuzamu arataka, bumva n'ijwi rigira riti: "Mugire vuba"! Nyuma abo basirikari bateye ishuri ry'umwaka wa gatandatu ryegereye aho binjiriye, umwe yitwaje imbunda n'impigi z'amasasu yari yiteye ku rutugu, undi yitwaje inkota. Uw'imbunda yari yambaye ijaketi n'ipantalo, uw'inkota yari yambaye ikoti rirerire n'ikigofero, nta nkweto. Icyo kigofero yari yambaye cyatumaga atagaragara mu maso. Uw'imbunda ni we wategetse abanyeshuli kwitandukanya abatunze iyo ntwaro.

Mu ishuri ry'umwaka wa gatandatu, yabanje kubabaza ngo " est-ce que vous me connaissez ? (Ese muranzi?) Twigiriye Kongo, muza kutuvanayo, none reka tubereke ». Yongeraho ngo " vous allez me voir (mugiye kumbona)". Yabasabye kwitandukanya, Abahutu ukwabo, Abatutsi ukwabo. « Vuba vuba mwivangure, Abahutu ukwabo, Abatutsi ukwabo » ! Abanyeshuri ntibababikora. Yahise atangira kurasa atarobanuye. Abanyeshuri bahise baryama hagati mu ntebe zabo no hafi yazo. Abandi basimbukira mu madirishya barimo Nyagasaza Joseph wakomeretse. Muri iryo shuri hishwemo Bizimana Sylvestre, Mujawamahoro Chantal na Mukambaraga Béatrice.

Mu bana bigaga mu mwaka wa gatandatu hari abari baraye mu kigo bahacumbitse, hari n'abari baraye hanze bigaga bataha. Bamaze kwica bamwe no gukomeretsa abandi, bo muwa gatandatu, bahise bajya mu ishuri ry'umwaka wa gatanu rikurikirana n'iry'umwaka wa gatandatu muri icyo kigo. Mbere y'uko iryo shuri riterwa, abanyeshuri bumvise urusasu ruvuga, babanza kugirango ni Ingabo z'u Rwanda zoza imbunda. Uwitwa Sibomana Ananie asohoka kureba kuko yumvaga bidasanzwe. Abona abantu basohoka mu ishuri ry'uwa gatandatu. Abwira bagenzi be ati "ayo masasu si ay'abasirikari". Ako kanya Abacengezi baba barinjiye. Uw'imbunda yinjiye avuga ati : "Est-ce que vous me connaissez ? (Ese muranzi) » ? Bamwe bati « Non ». Ati « Vous allez me voir » (Mugiye kumbona), Abahutu ukwabo, Abatutsi ukwabo. Mwadukuye i Masisi (aho abacengezi benshi baturukaga mu majyaruguru ya Kivu ho muri Congo) nabi, ubu mugiye kutubona ». Umwe mu banyeshuri aravuga ati « twese turi Abanyarwanda » ; Abanyeshuri bahise baryama hasi. Umucengezi yasubiyemo ya magambo, maze arakomeza ati « ntimubishaka? Noneho ngiye kubyikorera».

Yahise afata Mukarutwaza Séraphine ati "dore umututsi wa mbere twamubonye. Wowe twahoze tukubona kare". Koko uwo Mukarutwaza Séraphine yari yiriwe ku muhanda ategeye imodoka umuvandimwe we wari waje kumusura. Haza ufite inkota ati "tega umutwe neza". Ubwo bahise

bamurasa arapfa.

Benimana Hélène nawe wigaga mu wa gatanu nibwo yishwe. Igihe abacengezi batera mu ishuri ry'uwa gatanu, yamenye umwe muri bo. Ubwo yarahagurutse amufata mu nda, undi abura uko amurasa. Bigeze aho aramurasa mu gihe Benimana Hélène yamubazaga ngo "nawe nzi ni wowe ugiye kunyica?". Biba iby'ubusa, aramwica. Undi bishe ni Ndemeye Valens wahoze ari umusirikari wa APR asubizwa mu ishuri. Yari yagerageje kubarwanya. Ubwo abanyeshuli barasohotse, abacengezi bagenda babatera za "grenades", bamwe bakabahusha.

Nyuma yo kumva amasasu, ingabo za APR zarahuruye zimenesha abacengezi, zicamo umwe, abandi barahunga. Nyuma izo ngabo zagiye guhumuriza abatarapfa zibashakashaka aho bahungiye, zigenda ziraruza inkomere ari nako zizijyana kwa muganga. Abayisenga Théodette, wahabereye ikimuga, yasobanuye atya uko yarokotse:

" Nasohotse mu ishuri niruka, bantera "gerenade" mpita nitura hasi munsi y'ishuri. Nzanzamutse numva abantu bavuga ngo "ese aba bantu babura guhangana na Leta bakaza kwica aba bana? Ubundi ngo « turebe niba hakiri umuzima » Nahise numva ko ari APR ihari, maze niyemeza kuza kwinyagambura bangezeho. Bongeye kuncaho ndinyagambura. Baraza baranterura*"*.

Intwari z'Imena z'i Nyange zose hamwe ni abantu 47. Mu gihe baterwaga n'abacengezi bari abana, ariko ubu ni abagabo n'abagore bakuze. 40 baracyariho ariko bamwe mu bakiriho bafite ubumuga butandukanye batewe n'icyo gitero. Barindwi (7) muri bo baratabarutse: batandatu (6) bishwe n'abacengezi muri iryo joro, umwe (1) yitabye Imana nyuma muri Nyakanga 2001 azize ibikomere yatewe n'abo bacengezi.

**Abatabarutse ni aba bakurikira:** BENIMANA Hélène, BIZIMANA Sylvestre, MUJAWAMAHORO Marie Chantal, MUKAMBARAGA Béatrice, MUKARUTWAZA Séraphine, NDEMEYE Valens, NIYONGIRA Ferdinand.

**Abakiriho ni aba bakurikira :**ABAYISENGA Théodette, BAVAKURE César, BAYISENGE Noèl, BIRORI Jean Népomuscène, GATERA Silas, KAMAYIRESE Grâce, KANYEMERA Augustin, KAYIRANGA Aloys, MINANI Pascal, MUHAYIMANA Libérée, MUHINYUZA Florence, MUKAHIRWA Joséline, MUKANYANGEZI Dative, MUKESHIMANA Béatrice, MUKESHIMANA Florence, MUSABIMANA Florence, MUSONI Clement, MVUKIYEHE Jean Baptiste, NDAGIJIMANA Pierre Célestin, NDAHIMANA Jean Baptiste, NISHIMWE Marie, NIYITEGEKA Venant, NIZEYIMANA Emeritha, NIZEYIMANA Emmanuel, NKUNDUWERA Angelique, NSABIMANA Ntwali, NTAKIRUTIMANA Jean Claude, NYAGASAZA Joseph, NYINAWANDINDA Esperance, NYIRANDAYISABA Monique, NYIRANZABANDORA Marie Rose, RUHIGIRA Emmanuel, SIBOMANA Ananie, SIBOMANA André, SINDAYIHEBA Phanuel, TUYISHIMIRE Jean Marie Vianney, UKULIKIYIMFURA Adolphe, URUMUBENSHI Emmanuel, UWAMAHORO Prisca, UWIZERA Florence.

ii. **Amasomo twakwigira ku Ntwari z'i Nyange**

Abanyeshuri b'i Nyange bagize uburere bwiza bwo gukundana, kutironda, gufatanya no kubahiriza uburenganzira bwa buri muntu

Baharaniye mu buryo bugaragara amahame y'ubumwe bw'Abanyarwanda kugeza aho bamwe babizira.

Abo bana bagaragaje ubwitange buhanitse, bemera guhara ubuzima aho kwivangura. Babereye Abanyarwanda muri rusange, n'urubyiruko by'umwihariko, urugero rw'urukundo, kurwanya amacakubiri no kurwanira

uburenganzira bwa muntu.

Babaye abanyakuri, mu bihe bikomeye ntibatinye gushyira mu bikorwa ibyo bemera. Umuco mwiza no kubana neza si ibyabagwiririye, bari babisanganywe hanyuma babigaragaza igihe cy'amahina.

Abanyeshuri b'i Nyange bagaragaje ubutwari buhanitse, berekana umutima ucyeye, banga kwitandukanya igihe abacengezi babibategekaga, bemera guhara ubuzima,bahamya ihame rya "Ndi Umunyarwanda".

c) **INGENZI**

Kugeza ubu twandika iyi mfashanyigisho nta muntu urashyirwa muri icyi cyiciro.

## UMUTWE WA III : GUSHIMA NO GUSHIMIRA ABAKOZE IBIKORWA BY'INDASHYIKIRWA

Kuva u Rwanda rwabaho, Abanyarwanda bagira umuco wo gushima no gushimira abakoze ibikorwa by'indashyikirwa bifite akamaro kandi bitanga urugero rwiza. Bigaragara mu mateka y'u Rwanda, aho ingabo zitwaraga neza ku rugamba zahabwaga impeta zirimo : Umudende, Impotore no Gucana uruti. No mu buzima busanzwe, umuntu wakoraga ibikorwa byiza by'ingirakamaro, bibera abandi urugero yaragororerwaga agahabwa ishimwe mu rwego rwo kugira ngo ibikorwa yakoze bibere abandi urugero, babyigireho.

Gushima no gushimira ni umuco mwiza ugomba gushinga imizi mu nzego zose no mu Banyarwanda muri rusange.

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe rwashyizeho uburyo bwo kugaragaza, gushima, gushimira no kurata Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga baranzwe n'ubutwari n'ibindi bikorwa bihebuje byagiriye u Rwanda akamaro ku buryo biba urugero rwiza.

Hategurwa Umunsi w'Intwari z'Igihugu mu rwego rwo kuzirikana no

kurata Abanyarwanda bagizwe Intwari z'Igihugu kugira ngo bakomeze kubera abandi icyitegererezo mu byo bakora byose. Uretse abagirwa Intwari z'Igihugu, abakoze ibikorwa by'indashyikirwa byagiriye Igihugu akamaro bahabwa Imidari n'Impeta by'Ishimwe.

### 3.1. Umunsi w'Intwari z'Igihugu

Umunsi mukuru w'Intwari z'Igihugu wizihizwa mu gihugu hose tariki ya mbere Gashyantare uko umwaka utashye. Ni umunsi Abanyarwanda bibuka kandi bakazirikana Intwari z'Igihugu n'ibikorwa byaziranze.

#### 3.1.1. Impamvu twizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu?

Uyu munsi wizihizwa kubera impamvu z'ingenzi zikurikira :

- Kwibuka Intwari z'u Rwanda ni inshingano zacu kuko tugomba gushimira Abanyarwanda bagaragaje ibikorwa n'ibitekerezo by'ingirakamaro.

- Kwibuka Intwari z'Igihugu bituma Abanyarwanda bakomeza umuco wo gukunda u Rwanda, bivuga gukunda abaturarwanda nta vangura, n'ibyiza byose by'u Rwanda. Gukunda u Rwanda kandi bijyana no gushakira ineza igihugu n'abagituye ndetse no kwirinda kukigambanira.

- Kwibuka Intwari z'u Rwanda ni uburyo bwiza bwo kwereka amahanga ko dufite indangagaciro z'umuco zifite imizi ihamye, ko iyo dufashe ijambo tuba dufite aho tubikomora ; bityo bigatuma tugira ijabo.

- Iyo twibuka Intwari kandi tuzirikana gushimira abana b'u Rwanda bitanze bakabohora u Rwanda ingoyi y'ubutegetsi bw'igitugu

bakanahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi. Abo bari barangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika KAGAME Paul. Ndetse n'abandi bose bagize uruhare mu kubohora u Rwanda, yaba abakiriho n'abatabarutse.

- Intwari z'u Rwanda, iza kera n'iz'ubu, zikwiye kwibukwa kuko zasigiye abanyarwanda umurage uhebuje.

### 3.1.2. Impamvu y'itariki ya 1 Gashyantare buri mwaka.

Ubusanzwe, ukwezi kwa Gashyantare ni ukwezi abanyarwanda baba baguwe neza. Abanyarwanda baba bejeje imyaka n'amatungo yabo ameze neza; niyo mpamvu, hatoranyijwe itariki ya mbere y'uko kwezi. Bityo kikaba ari igihe cyiza cyo kureba aho bageze bashyira mu bikorwa ibyo biyemeje no kurushaho kurangwa n'ubutwari nk'imwe mu ndangagaciro ibafasha kwiteza imbere.

### 3.1.3 UBURYO UMUNSI W'INTWARI WIZIHIZWA

### 3.1.3. Insanganyamatsiko z'Umunsi w'Intwari kuva mu mwaka w'i 2004 kugeza mu mwaka w'i 2017

Buri mwaka, Inama y'Abaminisitiri yemeza insanganyamatsiko y'Umunsi w'Intwari. Kuva mu mwaka w'i 2004 kugeza mu mwaka w'i 2017 insanganyamatsiko zagendeweho mu kuwizihiza ni izi zikurikira :

2004: Dushimire Intwari z'u Rwanda zarwaniye kubaho nizitubere urugero.

2005: Dukomeze imihigo y'ubutwari, turwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

2006: Dushyire imbere ubutwari n'ubuyobozi bwiza, twubake amajyambere ashingiye ku mubano w'abanyarwanda.

2007: Dukomeze ubutwari mu mihigo twiyemeje, turengere ubuzima, turwanye n'ubukene.

2008: Ubutwari mu iterambere.

2009: Dukomeze imihigo y'ubutwari dushyira imbere indangagaciro z'umuco wacu.

2010: Dukomeze ubutwari mu mihigo yo guteza imbere u Rwanda.

2011: Duharanire ubutwari, duheshe agaciro u Rwanda.

2012: Duharanire ubutwari, duhashya ihohoterwa rikorerwa abana.

2013: Ubutwari ni ishingiro ry'agaciro n'iterambere.

2014: Ndi Umunyarwanda : inkingi y'ubutwari.

2015: Ubutwari bw'Abanyarwanda: agaciro kacu.

2016: Duharanire ubutwari, twubaka ejo hazaza.

2017: Ubutwari ni uguhitamo ibitubereye.

## 3.2. Imidari n'Impeta by'Ishimwe

Abanyarwanda n'abanyamahanga bakoze ibikorwa by'Indashyikirwa byagiriye u Rwanda akamaro barashimirwa bagahabwa Imidari y'Ishimwe itandukanye.

### 3.2.1. Imidari n'Impeta by'Ishimwe

**Impeta n'Imidari by'Ishimwe** ni ikimenyetso gitangwa n'Ubuyobozi bw'Igihugu, kigahabwa abantu bagaragaje ibikorwa by'ingirakamaro kandi bihebuje.

Kuva mu mwaka w'i 2006, hatanzwe Imidari y'Ishimwe ikurikira, ihabwa abanyarwanda n'abanyamahanga:

**- Umudari w'Ishimwe ryo Kubohora Igihugu: Uruti**

Uhabwa abagaragaje ubwitange mu kubohora no kurinda Igihugu. Uwo mudari ukoze muri zahabu.

**-Umudari w'Ishimwe ryo Kurwanya Jenoside :Umurinzi**

Uhabwa abagize uruhare mu kurwanya ndetse no mu guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994. Uwo mudari ukoze muri zahabu.

**Icyitonderwa:** Indi midari n'itangwa ryayo bigenwa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika. Abahawe Impeta bagaragara ku rubuga rw'Urwego, (www.cheno.gov.rw).

## UMUTWE WA IV: CLUB Y'UMUCO N'UBUTWARI: INSHINGANO, IMIKORERE, N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO

Club y'Umuco n'Ubutwari ni inteko zashyiriweho urubyiruko guhera mu mwaka w'i 2013, izi nteko ziteganyijwe kuba mu mashuri y'ibyiciro byose, ndetse no mu rubyiruko aho ruri hose mu Rwanda.

Izi club zashyizweho n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, mu bufatanye n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (Urwego).

### 4.1. Club y'Umuco n'Ubutwari:

Club y'Umuco n'Ubutwari ni inteko z'urungano, ahanini ziganjemo urubyiruko, rugamije guteza imbere umuco w'ubutwari, ubupfura, ubwitange, gukunda Igihugu, kugira ubushishozi, kugira ubumuntu, n'indi mico ikwiriye umunyarwanda nyawe mu kurushaho kubaka iterambere rirambye.

### 4.2. Intego za club y'Umuco n'Ubutwari

Urubyiruko rwashingiwe Inteko z'urubyiruko nyinshi, zitandukanira ku nshingano n'icyerekezo cyazo, ariko izo nteko zose zigahurira ku kubuka Umunywarwanda wuzuye. Club y'umuco n'ubutwari, ntigamije kubangamira izindi ziriho, ahubwo irazunganira. Umwihariko wa Club y'umuco n'ubutwari, ni ukwibanda ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda no kuziha agaciro, ndetse no gufasha urubyiruko kumva neza indangagaciro zishingiye ku muco w'ubutwari by'umwihariko.

Club y'Umuco n'Ubutwari itanga umwanya uhagije wo gusesengura, kumva no kubasha gusohora imvamutima zishingiye kubyaganiriweho ku muco n'ubutwari; haba mu mivugo, ikinamico, indirimbo, imbyino, ibiganiro mpaka n'indi mikino yose ishingiye ku muco no kwimakaza ubutwari.

### 4.3. Inshingano za club y'Umuco n'Ubutwari

Club y'Umuco n'Ubutwari ifite inshingano iharanira kugeraho binyuze mu mihigo n'ibikorwa biteza imbere umuco n'ubutwari. Inshingano za Club y'Umuco n'Ubutwari ni izi zikurikira:

- Gukomeza ibikorwa bigamije guteza imbere umuco n'ubutwari;
- Guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'amateka;
- Kwimakaza umuco w'amahoro, ubumwe n'ubwiyunge;
- Kurata no gusingiza Intwari z'u Rwanda;
- Kuganira ku mateka y'Intwari z'u Rwanda hagamijwe kwibukiranya no kuzirikana ibikorwa byazo bihebuje byatumye zishyirwa ku rutonde rw'Intwari z'u Rwanda;
- Kwitabira ibikorwa bitegurwa mu kwizihiza Umunsi w'Intwari

haba ku rwego rw'ikigo club ibarizwamo, ndetse no ku rwego rw'Igihugu;

- Kuganira no kungurana ibitekerezo ku bikorwa byo kwimakaza umuco n'ubutwari bihereye mu bana n'urubyiruko;

- Kubakira ku muco n'ubutwari mu bikorwa bitandukanye byo mu buzima bwabo (uburezi,kwiga, kwitabira gahunda za Leta zitandukanye no kuzibamo indashyikirwa, guharanira kuba intangarugero mu byo bakora byose n'aho baba hose…)

- Kungurana ibitekerezo no kuganira ku ndangagaciro z'ubutwari n'uburyo zakubakirwaho mu iterambere ry'Igihugu.

### 4.4. Imikorere ya club y'Umuco n'Ubutwari

N'ubwo ku ikubitiro izi club zatangijwe mu mashuri abanza n'ayisumbuye gusa, igitekerezo kigari ni uko zitagira uwo ziheza, cyane cyane urubyiruko aho ruri hose, rwaba urwiga n'urutiga mu rwego rwo guhuriza hamwe imbaraga za bose mu gusigasira ibyo Igihugu kimaze kugeraho no guhanga byinshi byiza bizakomeza gutuma cyamamara mu ruhando rw'amahanga.

#### 4.4.1. Gushinga Club y'Umuco n'Ubutwari

Ntibisaba ubumenyi bw'ikirenga, amafaranga y'umurengera, cyangwa ibindi bikoresho byinshi. Gutangiza Club y'Umuco n'Ubutwari bisaba kumva neza impamvu yazo, n'icyo zije kumarira urubyiruko, ibyo bikabyutsa ubushake bwo guhurira hamwe haganirwa ku ndangagaciro z'umuco n'ubutwari, Intwari z'u Rwanda zikiganwa ingiro n' ingendo.

- **Izina rya club:** Abagize club bashobora kwiyitirira ibyiciro by'Intwari z'Igihugu cyangwa indangagaciro runaka.Iyo club ifite abanyamuryango benshi, bashyirwa mu matsinda mato nabo bakaba bakwiyitirira indangagaciro cyangwa Intwari, bishamikiye ku izina rya club.

- **Ubuyobozi bwa club:** Ubuyobozi bwa club butorwa buri mwaka; hatorwa abanyeshuri batari mu mwaka urangiza, (hatorwa abo mu wa mbere, mu wa kabiri cyangwa mu wa kane n'uwa gatanu), Hatorwa Perezida, Visi Perezida n'umubitsi ndetse n'abajyanama babiri umwe agomba kuba umuyobozi w'ishuri, undi agatorwa mu barimu.

- **Gahunda y'ibikorwa bya club:** Mu gutegura gahunda y'ibikorwa bya club hibandwa kugaragaza ibizakorwa buri gihembwe cy'amashuri, cyane cyane bagaragaza ibiganiro bazakenera guhabwa n'uzabibaha, imikino bazitoza bakageza ku bandi banyeshuri, ibiganiro mpaka, indirimbo n'imivugo bazahimba ndetse no kwandika ikinyamakuru cyangwa gukora inyandiko ku butwari mu kinyamakuru cy'ishuri iyo gisanzwe gihari. Bakora ingendo shuri ahantu hakorewe ibikorwa by'ubutwari kandi bakizihiza Umunsi w'Intwari ku rwego rw'Ishuri n'ibindi babona by'ingirakamaro mu butwari.

### 4.4.2 Raporo za club n'abo zigenewe

#### A) Raporo ya club ku rwego rw'ishuri

Buri gihembwe cy'umwaka w'amashuri, abagize club bakora raporo; iyo raporo iba ikubiyemo iby'ingenzi bikurikira:

- Izina ry'Ishuri n'aho riherereye: (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere, Intara)
- Izina rya club,
- Igihe club yashingiwe,
- Amazina y'abayobozi,
- Umubare w'abanyamuryango,

- Urutonde rw'abanyamuryango n'ubwitabire,
- Gahunda y'ibikorwa byari biteganyijwe,
- Incamake y'ibikorwa byagezweho,
- Ibyifuzo n'ingamba.

Raporo isinywaho n'umuyobozi wa club, umujyanama, n'umuyobozi w'ikigo ikagezwa ku murenge mbere y'isozwa ry' igihembwe.

**B) Raporo ku rwego rw'Umurenge:**

Iyo raporo zigejwejwe ku Murenge, Umukozi ushinzwe uburezi mu Murenge, ahuza raporo ziturutse mu mashuri cyane cyane akagaragaza ibi bikurikira:

- Urutonde rw'amashuri n'aho aherereye,
- Urutonde rwa club ziri mu Murenge,
- Imikorere ya buri club,
- Igihe zashingiwe,
- Umubare w'abanyamuryango,
- Incamake ku bikorwa byari biteganyijwe n'ibyagezweho,
- Ibyifuzo n'ingamba.

Raporo ku rwego rw'Umurenge itegurwa n'Umukozi ushinzwe Uburezi igasinywaho, n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, ikagezwa ku rwego rw'Akarere bitarenze iminsi irindwi (7) igihembwe cy'amashuri gishojwe.

### C) Raporo ku rwego rw'Akarere

Iyo raporo zigejejwe ku Karere, Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi mu Karere akora raporo ikusanya ibizikubiyemo yibanda kuri ibi bikurikira:

- Urutonde rw'amashuri ari mu Karere;
- Imikorere ya za clubs,
- Urutonde rwa clubs ziri mu Karere,
- Igihe zashingiwe;
- Umubare w'abanyamuryango,
- Incamake ku bikorwa byari biteganyijwe n'ibyagezweho,
- Incamake y'ibyifuzo n'ingamba byahuriweho na club.

Raporo itegurwa n'Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi mu Karere, igasinywa n'Umuyobozi w'Akarere, ikagezwa ku Rwego mbere y'iminsi 15 igihembwe cy'amashuri gishojwe.

## 4.5. Uruhare rw'inzego mu ikurikiranabikorwa rya club y'umuco n'ubutwari

### 4.5.1. Inshingano n'uruhare rw' abafatanyabikorwa mu by'umuco n'ubutwari

Muri gahunda yo gushyiraho Club y'Umuco n'Ubutwari no gukurikirana ibikorwa byazo n' imirimo yo guhuza ibikorwa ikurikiranwa n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe (Urwego), mu bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa mu byerekeranye n'umuco n'ubutwari.

### 4.5.2. Uruhare rw'abafatanyabikorwa mu bikorwa bya club y'umuco n'ubutwari

#### A) Uruhare rw'ubuyobozi bw'ikigo

Ubuyobozi bw'ikigo gikorerwamo na Club y'Umuco n'Ubutwari bugomba kugira uruhare rugaragara kandi ruhoraho mu bikorwa byo gushyigikira imikorere n'iterambere bya club y'umuco n'ubutwari.

Muri uko gushyigikira club, ubuyobozi bw'ikigo bugomba kuyifasha mu igenamigambi ry'ibikorwa byayo no kubafasha kureba igikenewe ngo club itere imbere.

Nanone ubuyobozi bw'ikigo bugomba kugenera umwanya club mu gihe ifite ibikorwa bijyanye n'umuco n'ubutwari, nko kuyorohereza mu ngendo shuri n'ibindi.

#### B) Uruhare rw'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze

Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze (imirenge n'uturere), bufite inshingano ikomeye yo guhuza ibikorwa bya club, kuzifasha mu igenabikorwa, gukurikirana imikorere yazo, no kuzikorera ubuvugizi aho bibaye ngombwa, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari rukabimenyeshwa.

Binyuze ku bakozi bashinzwe Uburezi mu mirenge n'uturere, raporo ziturutse ku mashuri, zishyirwa hamwe nk'uko byagaragajwe haruguru, zikagezwa ku Rwego mbere y'iminsi 15 igihembwe cy'amashuri kirangiye.

#### C) Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC)

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco ifite inshingano zikurikira:

- ✓ Kurengera no guteza imbere Ururimi n'Umuco
- ✓ Gusesengura Ururimi, Umuco n'amateka by'u Rwanda mu ngingo zabyo zose

- ✓ Gushima ibikorwa by'ikirenga mu rwego rw'Ururimi n'Umuco
- ✓ Gutanga inama ibisabwe cyangwa ibyibwirije ku byerekeye Ururimi n'Umuco
- ✓ Gufata ibyemezo mu byerekeye Ururimi n'Umuco.

Aho biri ngombwa hakenewe inama, ibiganiro by'inararibonye mu muco, club umuco n'Ubutwari zibimenyesha Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco igatanga ibiganiro n'ubujyanama.

### D) Inshingano za Minisiteri ya Siporo n'Umuco n'abandi bafatanyabikorwa

Kugira ngo igikorwa cyo kwigisha indangagaciro z'umuco muri club kigende neza, minisiteri ifite umuco mu nshingano izagira uruhare runini hamwe mu bufatanye n'abafatanyabikorwa bakurikira:

- Intwari z'i Nyange ni abahoze ari abanyeshuri b'i Nyange mu mwaka wa gatanu n'uwa gatandatu 1997;
- Ubuyobozi bw'amashuri abanza, ay'isumbuye, amakuru na kaminuza;
- Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC);
- Federasiyo Ishinzwe Siporo n'Umuco mu mashuri abanza n'ayisumbuye;
- Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC);
- Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN);
- Minisiteri y'Urubyiruko, Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (MYICT);
- Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF);

- Minisiteri y'Ingabo (MINADEF)
- Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF)
- Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC)
- Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (National Youth Council)
- Komisiyo y'Igihugu y'Amatora
- Komisiyo y'Igihugu y'Abana (National Children Commission)
- Itorero ry'Igihugu
- Inteko Izirikana
- Itangazamakuru
- Imiryango itari iya Leta
- Amadini
- Abikorera

**UMUSOZO**

Iyi mfashanyigisho ku muco w'ubutwari ifasha buri wese uyikoresheje kuvugurura no guhindura imyumvire, imyitwarire, imigirire, imikorere n'imibanire n'abandi hacukumburwa ibikorwa byiza bifitiye Igihugu akamaro, kwimakaza umuco w'ubutwari bikaba inshingano y'abakuze n'urubyiruko bagendeye ku ngero z'Intwari z'Igihugu zatubanjirije, hashimangirwa indangagaciro na kirazira z'umuco.

Urwego rurakangurira Abanyarwanda kuba intangarugero, kubaha no kwimakaza ubutwari n'indangagaciro zibushamikiyeho nko kugira umutima ukomeye kandi ucyeye, gukunda Igihugu, kugira ubwitange, ubushishozi, kuba intangarugero, kurangwa n'ibikorwa byiza kandi bishimwa na benshi, ubupfura, kuba umunyakuri, no kugira ubumuntu. Ibi byose byaba urumuri rumurikira buri wese mu gukomeza guhesha u Rwanda agaciro, guhiga no guhigura umuhigo wo kwiyubakira Igihugu kibereye buri muturarwanda.

Clubs z'Umuco n'Ubutwari zikwiye kubakwa, zigasigasirwa; abanyamuryango bazo bakita ku mahame, bazirikana ibisabwa ngo club zitere imbere kandi zishinge imizi.

Urwego rufite ikizere ko iyi mfashanyigisho izarushaho kuzamura imyumvire y'urubyiruko y'umuco w'ubutwari.

Inzego zose zikwiye gushyira hamwe kugira ngo gahunda yo gutoza Abanyarwanda umuco w'ubutwari ishyirwe mu bikorwa kandi itange umusaruro ushimishije.

**INYANDIKO ZIFASHISHIJWE:**


1. Minisiteri y'Urubyiruko Umuco na Siporo, Intwari z'u Rwanda, *Kigali 2004*.
2. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, Inkingi z'Umuco w'u Rwanda zihutisha Iterambere, *Kigali 2015*.
3. Serivisi za Minisitiri w'Intebe, Gahunda ya Guverinoma, *Kigali 2011*.
4. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda, Imfashanyigisho ibanza, *Kigali 2013*.
5. Itorero ry'Igihugu, Indangagaciro z'Umuco Nyarwanda mu Iterambere, *Kigali 2011*.
6. Inteko Izirikana, Indangagaciro z'Ingenzi mu muco Nyarwanda, *Kigali 2008*.
7. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, 2003 ryavuguruwe 2015.
8. Itegeko n$^{o}$ 13 bis/2009 ryo ku wa 16/6/2009 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe.